**INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA Y' INTEKO RUSANGE YA RAF YO KUWA**
**<u>06/01/2019</u>**

1. ***Aho inama yabereye:***Mu cyumba cy' inamacya MINISPOC
2. ***Amasaha inama yabereyeho:***10:00PM - 01:00 PM.
3. ***Abitabiriye inama:***

| No | AMAZINA | Ikipe/ Komisiyo | Icyo ashinzwe |
|---|---|---|---|
| 1 | NKEZABO Jean Damascene | NAS | President |
| 2 | KAYIRANGA J. Baptiste | Conflict resolution | President |
| 3 | BIZIMANA Manasseh | Nyaruguru | President |
| 4 | Brother Innocent AKIMANA | Muhanga | President |
| 5 | MAYIRA Jean Nepomuscene | Huye | SG |
| 6 | SHARANGABO Alexis | Ntarama | President |
| 7 | BAKUNDAKABO Rashidi | VJN | Sports manager |
| 8 | UWAMALIYA Deliphine | Komite Ngenzuzi | Umugenzuzi |
| 9 | NDAYISABA Saidi Hamisi | Komite Ngenzuzi | Umugenzuzi |
| 10 | KAJUGA Thomas | SEC | President |
| 11 | SEMAHORO Stanislas | Rwamagana | SG |
| 12 | Lt Col. Wellars KAYIRANGA | APR AC | President |
| 13 | TABARUKA Dieudoné | RAF | Treasurer |
| 15 | UMUTANGANA Olivier | RAF | SG |
| 16 | RUKUNDO B. Johnson | MCAC | President |
| 17 | NDACYAYISENGA Jean Pierre | RAF | DTN |
| 18 | Me MUBILIGI Fidèle | RAF | President |

Scanned with CamScanner

**4. *Ijambo ry'ikaze no kwemeza ingingo ziri ku murongo w'ibyigwa*:**
Inama yatangijwe na Perezida wa komite nyobozi y' umuryango 'Rwanda Athletics Federation' **Me MUBILIGI Fidele** , yifuriza ikaze abitabiriye inama anabifuriza kandi umwaka mushya muhire wa 2019.

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo z'ingenzi zikurikira:

1. **Ijambo ry' Ikaze ry' umuyobozi wa RAF**
2. **Raporo y' Ibikorwa ya 2019**
3. **Ingengabihe y' Amarushanwa y' umwaka wa 2018-2019**
4. **Gahunda y' ibikorwa ya 2019 – 2020**
5. **Ingingo zisoza:**

**Uko ingingo zasuzumwe**

| Ingingo | Uko ingingo zasuzumwe n'ibyemezo byafashwe, | Imyanzuro ku ngingo |
|---|---|---|
| ***Ingingo ya 1*** | ***IJAMBO RY' IKAZE*** | |
| Me MUBILIGI Fidele, perezida w' Ishyirahamwe ry' imikino ngororamubiri mu Rwanda warunayoboye inama, yongeye gushimira abayitabiriye yongera kandi kubifuriza umwaka mushya muhire wa 2019, ati "turizera tudashidikanya ko tuzakorana uyu mwaka ukarangira tugejeje athletics Rwanda ku rundi rwego rwiza. Yabashimiye ko bubahirije ubutumire kandi ku gihe, ati muriyi nteko rusange ya mbere ibaye nyuma y' amatora tubifurije ikaze. Asaba ko abari mu nama bibwirana mbere y' uko inama itangira , abari mu cyumba cy' inama nyuma yo kwibwirana, perezida yashimiye igikorwa cyibaye cyo kwibwirana, ati inama yakereweho gato ariko ndabasaba ko igihe cyo kuyisoza cyateganijwe cyaza kubahirizwa.<br><br>Yakomeje agira ati komite nshya itorwa, yihaye intego nyinshi ati ariko intego nyamukuru kwari ukwagura umuryango RAF, harimo kwongera amakipe, no kwongera umubare w' abakinnyi muri | | |

Scanned with CamScanner

<table>
<tr><td colspan="2">rusange.<br><br>Ikindi Komite yari yiyemeje, kwari ukugarura umwuka mwiza mubanyamuryango, communication atmosphere ikagenda neza.</td><td></td></tr>
<tr><td>Ingingo ya 2</td><td>RAPORO Y' IBIKORWA YA 2019</td><td></td></tr>
<tr><td colspan="2">Bwana UMUTANGANA Olivier, Umunyamabanga mukuru wa RAF niwe wagejeje ku banyamuryango ibikorwa byagezweho mu mwaka usoza wa 2018, yatangiye nawe yifuriza umwaka mushya muhire abanyamuryango ba RAF, anabagezaho raporo y' ibikorwa byagezweho mu mwaka wa 2019, raporo yari yubakiye ku ngingo enye arizo:<br><br>- Gahunda z' Iterambere<br>- Amarushanwa y' imbere mu gihugu<br>- Amarushanwa yo hanze y' igihugu<br>- Ibindi bikorwa byagezweho mu mwaka wa 2019<br><br>Izi ngingo zose Umunyamabanga mukuru yazisobanuye mu buryo burambuye, abanyamuryango<br><br>1. Muri gahunda z' iterambere:<br><br>-Hakozwe ubukangurambaga bwo gutangiza amakipe mashya,<br><br>- Hatangijwe gahunda y' amashuli y' ikitegererezo,<br><br>- Hakoreshejwe amarushwanwa ya talent detection<br><br>2. Amarushanwa y' imbere mu gihugu<br><br>RAF yakoresheje amarushanwa atandukanye ku rwego rw' igihugu, no kurwego rw' uturere,<br><br>3. Amarushanwa yo hanze y' igihugu<br><br>Abakinnyi babanyarwanda batandukanye bitabiriye amarushanwa mpuzamahanga atandukanye, arenga 7 kandi mu byiciro byose.</td><td>Hemejwe ko amakipe azajya atanga umusanzu w'amafaranga ibihumbi mirongo itanu ( 50000frw ) buri mwaka bitarenze 30 Werurwe<br><br>Hemejwe ko Federation izajya yandikira amakipe yibutsa gutanga umusanzu<br><br>Hemejwe ko gahunda zose z'Abakinnyi cyane ku marushanwa bakina hanze , amakipe azajya abimenyesha Federation<br><br>Hemejwe ko RAF yazishyura umwenda wa ITA ungana na 1700USD mu mwaka wa 2019<br><br>Hemejwe ko Club zizajya zitanga gahunda y' ibikorwa muri RAF bya buri mwaka, na gahunda y' Amarushanwa, noneho ikipe izajya itegura irushanwa itashyize muri</td></tr>
</table>

Scanned with CamScanner

| | |
|---|---|
| ***5.* Ibindi bikorwa:**<br><br>-Habayeho amahugurwa atandukanye hirya no hino hanze y' igihugu n' imbere mu gihugu, abayobozi nabatoza batandukanye barayitabiriye.<br><br>- Habaye kandi inama zitandukanye harimo iza komite nyobozi, na General assembly<br><br>- Hakozwe kandi ubugenzuzi inshuro ebyili, External Auditor, na Internal Audits)<br><br>**Challenges zagaragaye:**<br><br>-Amarushanwa abanyamuryango bategura batamenyesheje Federation,<br><br>- Abakinnyi bakina amarushanwa atandukanye hirya no hino kwisi, RAF itabizi<br><br>- Amakipe ataratanze umusanzu w' umwaka<br><br>**RAPORO Y' UMUTUNGO:**<br><br>-Ati hinjiye amafaranga angana na 126,789,698frw na 42,531 USD<br><br>-Hakoreshejwe 126,736,327 frw, 40,850 USD<br><br>Hasigaye 53,371FRW na 1680 USD<br><br>Hishyuwe imyenda ingana na 16,460,700frw (Traser, Genius) hamwe na 2000usd ya Komite Olempike.<br><br>Hishyuwe kandi amafaranga 1800 000 yahawe abakoze Audit ndetse nuwakurikiranye urubanza RAF yarezwemo na company ya Genius. (1M kumu avoca, 800K kuri external Audit).<br><br>Abafatanyabikorwa ba RAF bafashije muri ibi bikorwa: | gahunda yatanze, ikabisabira uburenganzira muri RAF,<br><br>Hemejwe ko club arizo zizajya zisabira abakinnyi bazo ibyo bagomba gufashwa na Federation<br><br>Hemejwe raporo y'ibikorwa , raporo y'umutungo uko wakoreshejwe 2018 |

Scanned with CamScanner

<table>
<tr><td colspan="2">Amakipe, MINISPOC, NOC, IAAF, CAA, Bank of Kigali, MTN, World Vision, Soroptimist, RMC.<br><br>IBIBAZO KUGERUBU RAF IFITE:<br><br>-Gicumbi Center itarashyizwe mu bikorwa nkuko byari biteganijwe,<br><br>-Umwenda wa ITA utaranagaragaragara muri Handover,<br><br>-Ideni risigaye rya CNO ringana na 2900USD,<br><br>- Ikibazo cy' umukozi muri Federation bituma DNT akora akazi katari ake ka Admisnistration kurusha inshingano ze nk' umutekinisiye.<br><br>Yasoze ashimira abanyamuryango bose .<br><br>.Perezida yunganiye SG agaruka ku kibazo cyabakinnyi bajya gukina amarushanwa atandukanye yo hanze, amakipe na RAF batabizi. Cyane kuri cases za Muhitira Felicien, Nyirarukundo salome na NISHIMWE Beatha.<br><br>.Yanagarutse ku kibazo cy' imyenda ya RAF yatubereye burden ariko tuza kurwana nabyo nubwo byadindije ibikorwa bya RAF.<br><br>.Yongeye kwibutsa ko haba ku rwego rwa RAF haba no kurwego rwa club, hashyirwaho ingufu mu gukorana cyane cyane na private sector. Asoza yafunguye flow kugirango abanyamuryango batange ibitekerezo:<br><br>Mubitekerezo byatanzwe n' abitabiriye inama, bagarutse cyane cyane kubijyanye na management y' abakinnyi,</td><td></td></tr>
<tr><td>Ingingo ya 3</td><td>Ingengabihe y' Amarushanwa y' Umwaka wa 2018-2019</td><td></td></tr>
<tr><td></td><td>Umunyamabanga mukuru wa RAF yagaragarije, abanyamuryango gahunda y' amarushanwa ateganijwe mu mwaka wa 2018-2019, ati aya namarushanwa twateganije ariko ashobora kwiyongeramo andi Atari kuri iyi gahunda bitewe n' umufatanyabikorwa mushya waboneka, cyangwa</td><td>Inteko yemeje ko amakipe yose atanga muri RAF ingengabihe y' Amarushanwa bateganya bitarenze</td></tr>
</table>

Scanned with CamScanner

| | | |
|---|---|---|
| | Habaye ngombwa ko hari irushanwa mpuzamahanga abakinnyi babanyarwanda bitabira bitari biteganijwe muri calendar yacu. Yavuzeko kandi amatariki ari kuri calendar ashobora amwe namwe guhinduka bitewe nimpamvu zumvikana zatuma bihinduka. | kuwa 12 Mutarama, kugiranga RAF ijye iba izi gahunda zamarushanwa yose akoreshwa namakipe. Inteko kandi yemeje ko irushanwa ikipe izakenera gukoresha itararimenyekanishije kare izagomba kubanza kubisabira uburenganzira muri RAF |
| **Ingingo ya 4** | **Gahunda y' ibikorwaya 2019 – 2020** | |
| | Umunyamabangamukurukandiyagejejekubanyamuryangogahunda y' ibikorwaya 2019-2020, abagezahoingingonkurunkuruzigizegahunda y' Ibikorwa mu gihecyavuzweharuguru.<br><br>- Gushakaabakozi<br>- Gushyirahokomisiyozitandukanyenkukobiteganywa n' amabwirizaagenga RAF<br>- Gukomezagufashaza clubs gushakaubuzimagatozi,<br>- Kuguraibikoreshobimwenabimwebikenewe.<br>- n' ibindi | Abari mu namabishimiyeiyigahunda y' ibikorwabarayemeza |

**Ingingoya 5: Ingingo zisoza**

Mu gusoza inama, president yongeye kugaragariza abanyamuryango ko hari ikibazo gikomeye cy'abakinnyi bagaragara ko bajyagutera imbere hakagira ababashuka bigatuma bafata icyemezo kibi cyo kuva mu Gihugu mu buryo budasobanutse basa nk'abatorotse. Yatanze urugero rw'uwitwa SIKUBWABO Yves (Fils) watorotse igihugu agiye kugihagararira hanze nk'umukinnyi mu myaka ishize ubu akaba ari muri ibyo bikorwa byo kuyobya abana b'abakinnyi.Yavuze ko yagiye mu marushanwa muri Canada agaherayo none ubu akaba ari umwe mubakomeje

Scanned with CamScanner

kuyobya bamwe mu bakinnyi ngo nabo banyure mu nzira ye. Yanagarutse kukibazo cya Salome NYIRARUKUNDO utazwi aho aherereye kugeza ubu kandi yari umwe mu bakinnyi beza u Rwanda rufite.

Yavuze ko igenda rye rifitanye isano n'ibikorwa by'abasenya iterambere rya RAF kandi anagaragaza impungenge ko hatagize igikorwa, ibyabaye kuri NYIRARUKUNDO byazaba no kubandi kuko ababashuka bakomeje umugambi mubi wo gusenya.

President yanamenyesheje amakipe yose ko ibi bitemewe, kandi uzabifatirwamo wese afasha abakinnyi gutoroka Igihugu azabibazwa n' inzego zibishinwe.

President kandi yamenyesheje abayobozi b' Amakipe ko politiki y' U Rwanda aruko abana bose biga nibura bakarangiza 12 Years, asaba amakipe ko murigahunda zabo bakwitakumyigire y' abakinnyi bafite ndetse bakanababafasha bityo baba bafashije politike y' igihugu gushyirwa mu bikorwa. Yagize ati: ntakipe yemerewe gukura abana mu mashuli kuko ari abakinnyi, ahubwo tugomba guharanira ko biga neza kugirango bizababafashe kubona ubundi bumenyi buzababafasha mugihe kiri imbere.

Yasoje ashimira abayobozi b'amakipe kubwitabire, ndetse n' ubushake bahora bagaragaza mu guteza imbere imikino ngororamubiri mu Rwanda.

Inama yatangiye saa yine namirongo itanu, isoza saa saba namirongo itanu.

**Umwanditsi:**

**NDACYAYISENGA Jean Pierre**

**Umuyobozi w'Inama:**

**Me MUBILIGI Fidèle**

Scanned with CamScanner